“Yesu Kristo ntahinduka, urko yari ejo, n’ubu niko ari kandi niko azahora iteka ryose” (Abaheb. 13:8)

Urwandiko Mbwirwabose, 04 - 2012

Urwandiko rw’isabukuru

Benedata na bashiki banjye bakundwa muri Kristo,

Mbaramukije mwese byihariye mu Izina ry’igiciro ry’Umwami wacu Yesu Kristo nkoresheje amagambo yo mu Befeso 3:3-4, nyigaruraho ndetse nyagarura no ku bizera bose nyakuri:

“ukuntu Umwami yamenyesheje mw’iyerekwa ubwiru mbandikiyeho mu magambo make; Namwe nimuyasoma, muzirebera ubwanyu ubumenyi mfite ku bwiru bwa Kristo…”

Intumwa Pawulo yakoreshaga igihe abonye cyose kugira ngo abwirize ibyo yari yarahishuriwe, hari ubwo yatangiraga kare mu gitondo akageza nimugoroba (Ibyakozwe 28:23). Ahubwo, inzandiko ze zabaga zanditse mu magambo macye avunaguye. Hari igihe yabwirije bigera mu gicuku hagati, hakurikiraho kumanyura umutsima, arangije arakomeza arabwiriza ageza mu rukerera (Ibyakoze 20:7-12). Mwene data Branham nawe yabwirizaga ibibwirizwa birebire, iby’amahirwe n’uko ibibwirizwa bye byafatwaga ku nyakira majwi. Amaze gutaha, nasabye i Jeferisonivile ko ibibwirizwa bye byandukurwa bigashyirwa mu dutabo, biyoborwa na mwene data witwa Roy Borders. Dufite mur’ibyo bibwirizwa umugambi wose w’Imana. Kimwe na Pawulo, nanjye nshobora kuvuga ko nzi neza Ubwiru bwa Kristo ku bwo kubuhishurirwa. Mbifashijwemo n’Imana, nashoboye kuyikorera amanywa n’ijoro kumara imyaka irenga mirongo itanu; kumara icyo gihe cyose niko nakoraga ingendo z’ivugabutumwa, mbwiriza kandi nandika.

Ikintu cyose Imana ihishuriye umwe mu bagaragu bayo, kiba kigenewe abagaragu ba Kristo bose, ndetse n’itorero ryose. Pawulo yavuze iby’ubwiru bwa Kristo, *nkuko mur’iki gihe intumwa ze zera n’abahanuzi babuhishiriwe n’Umwuka* (Abefeso 3:5-6). Ari mu kirwa Patimo, intumwa Yohana yahawe guhishurwa kwa Yesu Kristo, kwari kugenewe abakozi b’Imana bose (Ibyahishuwe 1:1-3). Iminsi nanjye namaze ku kirwa

Patimo muri 1980, nsenga kandi nsoma ibice 22 by'Ibyahishuriwe Yohana, yambereye iy'umugisha ukomeye cyane.

Guhera mw'itangiriro

Uhereye mw'itangiriro, Umwami Imana yajyaga yihishurira abayo mu buryo bunyuranye: mu ngobyi y'Edeni, yajyaga igenderera Adamu na Eva mu gihe cya nimugoroba igasabana nabo (Itang.3). Bibiliya ivuga ko Enoki yagendanye n'Imana, yuko Imana yamwishimiye, hanyuma ikamujyana (Itang.5:24; Abaheb. 11:5). Dusoma ibya Nowa, n'amasezerano yagiranye n'Imana nyuma y'umwuzure, n'umukororombya yahawe nk'ikimenyetso cy'ayo masezerano (Itang.9); dusoman'iby'Aburahamu, uwo Imana yasezeranije ko izaha umugisha amahanga yose azizera nka we. Nawe, yagiranye n'Imana isezerano ryo gukebwa (Itang. 17:13). Abahanuzi bo mu Isezerano rya cyera bose n'abandi bagaragu b'Imana bamenye Uwiteka Imana ubwabo kandi bumvira amabwiriza ye. Mu bihe byose bya bibiliya, dusoma ubuhamya bwinshi aho Imana yihishuye nk'Umuremyi, nk'Umwami, nk'Umukiza, n'ibindi. Mu isezerano rishya, tubona uko Imana yihishuye mu Mucunguzi wacu, ari we twaherewemo kuba abana b'Imana (Abagalatiya 4:4-7). Imana yihishurira mu mirimo iba igiye gukora, ihuje n'umugambi wayo w'agakiza, nk'Umwana w'intama w'Imana, nk'Umuhuza, nk'Umurengezi n'ibindi.

Intego y'ibanze y'iyi nyandiko ni ukwerekana ko Umwami yihishuye muri iki gihe cyacu anyuze mu bukozi bwa mwene data Branhamu nk'uko yabikoraga mw'Isezerano rya cyera. Mwene data Branhamu yahuye n'Imana mu buryo ndengakamere nk'Aburahamu, Mose, n'abandi bahanuzi banyuranye mu bihe byabo. Yakunze kuvuga kenshi ko Marayika w'Uwiteka ahari mu materaniro ye, ko yamanukaga mu mucyo mu gihe cyo gusengera abarwayi. Yakunze gukoresha kenshi ijambo "Marayika w'isezerano", ashaka kuvuga Umwami wabaga yamanutse mu nkingi y'umuriro ndenga kamere. Yakunze kwibutsa ko ari wa "Marayika w'UWITEKA" waherekeze ubwoko bw'Isirayeri ari mu gicu no mu nkingi y'umuriro.

Aburahamu, Imana yamwihishuriye nka "Marayika w'UWITEKA" ubwo yari agiye gutamba Isaka, umwana we w'isezerano: "*Nuko Marayika w'UWITEKA ahamagara Aburahamu ari mu ijuru, aravuga ati, Aburahamu, Aburahamu: aritaba ati Karame*" (Itang. 22:11-18).

Mu minsi ya Mose, cyari igihe gikomeye cyane cyerekana umugambi wo gucungura: guhamagarwa no gusohoka kw'abana b'Isirayeri, nk'uko Imana yabisezeranije Aburahamu (Itang.15:13). "*Nuko Marayika w'UWITEKA amubonekera ari mu kirimi cy'umuriro hagati y'igihuru … Nuko UWITEKA abonye ko acyebutse kugira ngo arebe, Imana imuhamagara iri mu gihuru, iravuga iti, Mose, Mose*." (Kuva 3:2-4). Aha turahabona inyito eshatu: "Marayika w'UWITEKA", UWITEKA, n'Imana, zose zivuga uwivuze ati: "*Nd'Imana ya so, Imana y'Aburahamu, Imana ya Isaka, n'Imana ya Yakobo. Nuko Mose yipfuka mu maso kuko yatinye kureba Imana*" (v.6).

Nka Marayika, yagaragaye ari mu muriro; nk'UWITEKA, yabonye Mose ashaka kumwegera; nk'Imana, yavuganye nawe. Nyamara yar'Umwe, kuko hariho Imana imwe gusa. Kugira ngo iducungure, iyo MANA IMWE yihishuye mu Isezerano rishya ije kudukiza nka Data uri mw'ijuru, nk'Umwana kw'isi, nk'Umwuka wera mw'Itorero.

Mose yifuje kumenya Izina ry'uwashakaga kumutuma: "*Nuko Mose abwira Imana ati, Dore, ningera imbere y'abana b'Isirayeri, nkababwira nti Imana y aba sogokuruza banyu yabantumyeho, nibambaza bati: Izina ryayo n'irihe? Nzabasubiza iki? Nuko Imana ibwira Mose iti, NDI UWO NDI WE: kandi iravuga iti, uzabwira abana b'Isirayeri uti, NDIHO yabantumyeho. Nuko Imana yongera kubwira Mose iti : Abe ari ko uzabwira Abisirayeli uti : UWITEKA Imana y aba sogokuruza banyu, Imana ya Aburahamu, Imana ya Isaka, n'Imana ya Yakobo, yabantumyeho: Iri ni ryo zina ryanjye iteka ryose, kandi uru ni rwo rwibutso rwanjye mu bisekuruza byose*" (Kuva 3:13-15).

Igihe cyose Uwiteka yihishuye, agaragara ko ari NDIHO. NDIHO niwe MWAMI, Umuremyi w'ijuru n'isi. Ubwo amategeko cumi yatangwaga, dusoma ibikurikira: " *Nuko Imana ivuga ayo magambo yose iti, Ndi UWITEKA Imana yawe…".*Muri Esaya 44:6 handitswe ngo: "*Uku ni ko UWITEKA Imana y'Isirayeri kandi Umucunguzi wayo, UWITEKA Nyiringabo avuga; ni jy'uwa mbere n'uwa nyuma, nta yindi mana uretse jye*" Hose kugeza ku gitabo cya nyuma cya bibiliya, mu Byahishywe, UWITEKA yivuga ko ari NDIHO: "N*i jye Alufa na Omega, itangiriro n'iherezo, ni ko UMWAMI avuga, uriho, uwahozeho, kandi uza, Ishoborabyose.*" (Ibyah. 1:8). "*Ndi Alufa na Omega, Itangiriro n'Iherezo, Uwambere n'Uwanyuma*." (Ibyah. 22:13)

Kubera uburyo "NDIHO", ariwe UWITEKA, yihishuye inshuro nyinshi mu Isezerano rya cyera n'irishya, tubona neza ko adahinduka. "*Nuko Yesu arababwira ati, N'ukuri n'ukuri ndababwira yuko, Aburahamu atarabaho NDIHO*" (Yoh. 8:58). UWITEKA/YAHWEH wo mu Isezerano rya cyera, niwe MWAMI YESU/YAHSHUA mu

Isezerano rishya. " …*kandi ntaw'ushobora kuvuga ko Yesu ari UMWAMI kereka ari ku bw'Umwuka wera*." (1 Abakorinto 12:3).

Muri Yoweri 2:32 haravuga hati: "… *uzambaza wese Izina ry'UWITEKA/YAHWEH azakizwa*…". Mu Baroma 10:13, twongera kuhasanga ayo magambo, ariko avugwa kuri Yesu, ko uzambaza wese Izina ry'UMWAMI YESU/YAHSHUA azakizwa.

Ibitangaza byose Mose yakoreye imbere ya Farawo byari bifite intego imwe gusa: "*Reka ubwoko bwanjye bugende, bujye kunkorera*" (Kuva 7:26; 8:16; 9:1; 10:3). Ubwo Imana yagiranaga amasezerano n'Isirayeri, UWITEKA yari "Marayika w'Isezerano" kuko yahaye ubwoko bwayo amategeko y'isezerano.

"N*uko UWITEKA abwira Mose ati, andika aya magambo yose: kuko ariyo akubiyemo isezerano ngiranye nawe n'ubwoko bw'Isirayeri. Nuko Mose aguma aho iminsi mirongo ine n'amajoro mirongo ine ari hamwe n'UWITEKA, ntiyigeze arya umutsima cyangwa ngo anywe amazi. Nuko yandika ku bisate by'amabuye amagambo y'isezerano, ari yo mategeko cumi*." (Kuva 34:27-28).

Binyuze muri Mose, Imana yahaye Itorero ryahamagariwe gusohoka, amategeko arigenga, igira ati: "*Noneho, nimwunvira ijwi ryanjye koko, mukitondera isezerano ryanjye, nibwo muzambera ubutunzi bwihariye kuruta andi amahanga yose: kuko isi yose ari iyanjye: kandi muzambera ubwami bw'abatambyi, n'ihanga ryera. Aya niyo magambo uzabwira abana b'Isirayeri"* (Kuva 19:5-6). Urugendo rwo kuva muri Egiputa rwari rwishingiwe n'Imana yonyine, ariko kumvira kwagombaga kugerekwa ku kwizera kw'abahamagawe, kugira ngo Isezerano rikomeze kubaho. Uko niko Itorero ry'Isirayeri ryahamagariwe gusohoka ryahindutse ubwami bw'abatambyi b'Imana.

Iyo niyo ntego na none y'Imana ku bacunguwe n'abahamagariwe gusohoka bo mw'Itorero ryo mu Isezerano rishya: "*kuko muri ubwoko bwatoranijwe, ubwami bw'abatambyi, ishyanga ryera, ubwoko Imana yaronse, kugira ngo muhimbaze iyabahamagaye ikabavana mu mwijima ikabazana mu mucyo wayo utangaje*…" (1Pet.2:9). "*Kandi ukabahindurira Imana yacu kuba abami n'abatambyi, kandi bazima mu isi*" (Ibyah.5:10)

Nka "Marayika w'Isezerano", Imana yayoboye ubwoko bwayo iri mu ishusho igaragara, mu nkingi y'igicu ndenga kamere. "*Nuko UWITEKA abagenda imbere ku manywa ari mu nkingi y'igicu kugira ngo abereke inzira; nijoro yari mu nkingi y'umuriro kugira ngo abamurikire; kugira ngo bashobore kugenda amanywa n'ijoro: ntabwo inkingi y'igicu ku manywa cyangwa inkingi y'umuriro nijoro yigeze bibava imbere*" (Kuva 13:21-

22). Uko niko Imana yaherekeje ubwoko bwayo bw'Isirayeri kumara imyaka mirongo ine.

Muri Neh. 9:12:13, turabwirwa ngo: "*Hejuru y'ibyo byose, wabayoboje inkingi y'igicu ku manywa, nijoro ubayoboza inkingi y'umuriro kugira ngo ubamurikire mu nzira bagombaga gucamo. Nuko umanuka ku musozi Sinayi, uvugana nabo uri mu ijuru; ubaha amategeko meza n'amabwiriza y'ukuri, amateka meza n'amategeko…".* UWITEKA Imana ashobora kwihishura ku isi ariko ijwi rye rikumvikana mu ijuru. Imana n'Umwuka. Ibera hose icya rimwe. Mu gitabo cyo Kuva, igice cya 40:34-38, igicu kivugwa inshuro eshanu: "*Nuko Mose arangiza umurimo. Maze igicu gitwikira ihema ry'iteraniro, ubwiza bw'UWITEKA bwuzura ihema ry'ibonaniro. Mose ntiyashobora kwinjira mu ihema ry'iteraniro, kuko igicu cyari kiri hejuru yaryo kandi ubwiza bw'UWITEKA buryuzuye. Nuko igicu kivuye hejuru y'ihema, abana b'Isirayeri babona gukomeza urugendo rwabo: igihe cyose igicu cyabaga kitarazamuka, bagumaga hamwe kugeza umunsi kibandukiye. Kuko igicu cy'UWITEKA cyahoraga hejuru y'ihema ku manywa, umuriro ukariba hejuru yaryo nijoro, mu maso y'abana b'Isirayeri bose, iminsi yose y'urugendo rwabo*"

Igihe beguriraga UMWAMI urusengero nabwo yaramanutse ari mu gicu ndenga kamere: "*Nuko abatambyi ntibashobora gukora imirimo yabo kubera igicu: kuko ubwiza bw'UWITEKA bwari bwuzuye inzu y'UWITEKA*." (1 Abami 8: 10-21).

Mu Isezerano Rishya

Mu Isezerano Rishya naho havugwamo igicu ndengakamere, ubwo Yesu yahindurirwaga ku musozi. "*Nuko akivuga, igicu kirabatwikira: ljwi rivugira mu gicu riti: Nguyu umwana wanjye nkunda nkamwishimira; mumwumvire*" (Mat.17:5).

Mariko nawe ahamiriza ibyabaye ati: "*nuko igicu kiraza kirabatwikira: ijwi ryumvikanira mu gicu rivuga riti: Uyu niwe mwana wanjye mukundwa, mumwumvire*" (9:7)

Ku bijyanye n'izamuka rye, dusoma mu Byakozwe 1:9-11 ibikurikira: "*amaze kuvuga ibyo, bakimutumbiriye, akurwa hagati yabo arazamuka, igicu kiramutwikira*"

Umucunguzi wacu yazamutse mw'ijuru mu gicu, kandi nk'uko byanditswe mu 1 Abatesal. 4:17, abacunguwe nabo bazazamurwa bava mu mpande zose z'isi, bajyanwe ku bicu gusanganira UMWAMI mu kirere.

Ubwo Pawuro yacungurwaga akanahamagarwa, umucyo uvuye mw'ijiru urabagirana wahereyeko uramugota, nuko yumva ijwi rivuga riti: "*Sawuri, Sawuri, undenganiriza iki?*" Pawuro arabaza ati: "*Uri nde MWAMI? UMWAMI aramusubiza ati: Ndi Yesu uwo urenganya*". Ananiya yamutumweho mu iyerekwa aramubwira ati: "*Sawuri mwene data, UMWAMI, ariwe Yesu wakubonekeye mu nzira uza, niwe wantumye kugira ngo uhumuke kandi wuzuzwe umwuka wera*". (Ibyak. 9:5+17b).

'*Imana yaba sogokuruza yaragutoranije, kugira ngo umenye ubushake bwayo, ubone Umukiranutsi kandi wumve amagambo yo mu kanwa ke*" (Ibyak. 22:14).Muri 1 Abakor. 9:1, yarahamije ati: "E*se sindi intumwa? Ese simfite umudendezo? Ese sinabonye Kristo UMWAMI wacu?"* Kwerekwa kuvuye mw'ijuru kwazanye n'umuhamagaro w'Imana, no gutumwa kwihariye gufite akamaro gakomeye mu mugambi w'agakiza.

Byabaye mu gihe cyacu

No mu gihe cyacu habayeho ubukozi Imana yahamirije mu buryo budasanzwe, kugira ngo imitima y'abana b'Imana igarurwe ku kwizera kwa ba se aribo *ntumwa*. Ibyo byabaye gusohozwakwa Malaki 3:23-24, nk'uko byahamirijwe N'UMWAMI wacu muri Matayo 17:11 no muri Mariko 9:12: "*Ni koko Eliya agomba kubanza kuza agatunganya byose*". Ibi nibyo bishishikaje ubu itorero ry'Umwami: kimwe n'uko Eliya yafashe amabuye cumi n'abiri, ahwanye n'imiryango cumi n'ibiri, agasana igicaniro cy'Uwiteka, agahamagarira ubwoko bw'Isirayeri kumwegera ku musozi Karumeri, n'imitima yabo nayo ikagarukira UMWAMI (1 Abami 18:21-37), uko niko umugaragu w'Imana mu gihe cyacu yagaruye inyigisho z'intumwa cumi n'ebyiri (Ibyak.2:42), agarura n'imitima yacu ku Mana. Itorero rigomba gusubira uko ryari rimeze mw'itangiriro, mbere y'uko Yesu agaruka, kuko ari ko isezerano rivuga: "*uwo ijuru rigomba kwakira kugeza igihe cyo gutunganywa kwa byose nk'uko Imana yabivugiye mu kanwa k'abahanuzi bayo bera uhereye kera kose*" (Ibyak.3:21). Ibi nabyo ni UKO UWITEKA AVUZE.

Uhereye mu gihe cy'ubugororozi, hagiye habaho ububyutse bwinshi bwibandaga ku ibwirizwa ry'ubutumwa bwiza. Mu itangiriro ry'ikinyejana cya makumyabiri, habayeho kumanuka gukomeye kw'Umwuka wera, kimwe n'ibyabaye ku munsi wa pentekoti. Ibi byatumye havuka amatorero menshi ya gipentekoti. Nyamara kugaruka ku bukirisitu nyakuri nk'ubwahozeho mu itangiriro, byo nti byari byakagezweho. Nyuma y'intambara ya kabiri y'isi nibwo habonetse umugabo wari ufite ubukozi

bw'intumwa n'ubuhanuzi kimwe n'uko byari muri bibiliya. Yitwaga William Branham, umukozi watumwe n'Imana koko. Binyuze muri we, ububyutse bukomeye bw'agakiza no gukiza indwara nk'uko byabaye mu gihe cya Yesu n'intumwa byatangiye ubwo.

Tariki 7/5/1946, mwenedata Branhamu yeretswe ibikurikira: mu gihe cy'umugoroba, umucyo ndengakamere wasakaye mu cyumba yarimo. Yabonye intumwa ivuye ku Imana, imanuka muri uwo mucyo, iraza iramusanga. Yagize ubwoba, arahaguruka, nibwo yumvise amagambo, ya mbere yabwiwe akurikira: "*Witinya kuko ngutumweho, nje mvuye imbere y'Imana*". Uwo mushyitsi yamurondoreye iby'ubukozi bwe. Harimo ibikurikira: "*nk'uko Mose yahawe ibimenyetso bibiri, nawe niko uhawe ibimenyetso bibiri*". Ikimenyetso cya mbere cyagombaga kugaragara ar'uko afashe ikiganza cy'iburyo cy'umurwayi mu kiganza cye cy'ibumoso. Uburwayi, nk'ikibyimba cyangwa kanseri– bwagaragaraga ku kiganza cya mwene data Branhamu, yamara gusenga kikarigita ar'uko umurwayi akize. Ikimenyetso cya kabiri cyari uguhishurirwa ibintu byo mu buzima bw'uwo agiye gusengera atashoboraga kuba yamenya ukundi. Buri muntu mwenedata Branhamu yagiraga icyo ahishurirwa cyo mu buzima bwe, yashoboraga kuvuga mu Izina ry'UMWAMI ati: "urakize kubw'imbaraga z'Imana mu Izina rya Yesu Kristo". UWITEKA yabwiye Mose ati: "*nibatakumvira, ntibumvire n'ijwi ry'ikimenyetso cya mbere, bazumvira ijwi ry'ikimenyetso cya kabiri*" (Kuva 4:8).

Ibihumbi amagana by'abantu biboneye ubwabo ndetse baba n'abahamya, hagati yo 1946 na 1965, y'uko impumyi zahumukaga, ibimuga bikagenda, ibipfamatwi bikumva, kandi icyatangaje kuruta ibyo bindi byose n'uko n'abari barwaye kanseri bakiraga. Ibyo byashobotse kubera ko Marayika w'Imana yabwiye mwene data Branhamu ubwo yamuzaniraga ubutumwa buvuye ku Mana ati: "*Nushobora gutuma abantu bakugirira icyizere, nta kintu na kimwe kizashobora guhagarara imbere y'isengesho ryawe, nubwo yaba kanseri*"

Ku bijyanye n'ubukozi bwe, Umwana w'Imana ni we wari "wa Muhanuzi" wasezeranijwe mu Gutegeka kwa kabiri 18:18, ndetse nk'uko byongeye guhamirizwa mu Byakozwe n'intumwa 3:22-23: "*Kuko Mose yabwiye koko ba sogokuruza ati, Uwiteka azahagurutsa hagati yanyu umuhanuzi nkanjye, muzamwumvire mubyo azababwira byose. Kuko ubugingo bwose butazumvira uwo muhanuzi buzarimburwa hagati y'ubu bwoko*". Yerekwaga ibyagombaga kuba, akabivuga, bikaba, atitaye ko umurwayi ari impumyi, ikimuga, umubembe, cyangwa ikindi icyo ari cyo cyose.

Ubwo bukozi nibwo bwongeye gusubirwamo mugihe cyacu: mwenedata Branhamu yerekwaga ibyagombaga kuba, akabivuga, bikaba. Inshuro nyinshi, uwo mugaragu w'Imana yakunze kuvuga ko ibyanditswe muri Yohana 5:19 bihuje n'ubukozi bwe: "*nuko Yesu arabasubiza ati: n'ukuri, n'ukuri ndababwira yuko, ntacyo Umwana akora kubwe, keretse icyo abonye Data akoze. Kuko icyo Data akoze cyose, nicyo Umwana nawe akora*".

Ku bijyanye n'ubukozi bwe kandi, mwene data Branhamu yakunze kubugereranya n'ibyo mu Itangiriro 18, ubwo Uwiteka aherekejwe n'abamarayika babiri yagendereye Aburahamu akamuha isezerano ryo kuvuka kwa Isaka. Sara wari mw'ihema yumva, asekera mu mutima. UWITEKA areba Aburahamu aramubaza ati, "*kuki Sara asetse*…?"

Kimwe n'uko mwene data Branham yagarukaga kenshi ku byanditswe muri Yohana 1, ubwo Ndereya yazanaga na mwene se ku UMWAMI, akamubwira ati: *"Uri Simoni mwene Yona,…".* Naho Natanayeri we, yaramubwiye ati: *"Mbere y'uko Filipo aguhamagara, ubwo wari munsi y'igiti cy'umutini, nakubonye"*

Wa mugore wo kw'iriba, uwo yabwiye ubuzima bwe bwose, yarazi ko "*Masiya,agomba kuza (uwo bita Kristo), naza, niwe uzatubwira ibyo bintu byose*". Nuko Masiya aramuhamiriza ati : "*Niwe muvugana*". Iyi mpano y'ubuhanuzi yo kubona ibintu mw'iyerekwa hanyuma bigahishurwa byabereye abantu bamwe umugisha uruta iyindi yose, mu gihe abandi bo, abanditsi n'abafarisayo by'umwihariko, byababababaje kugeza ubwo bise UMWAMI ko ari Belizeburi.

Ubu bukozi bwabaye mur'iki gihe cyacu, iki gihe cy'ubuhanuzi, aho Umwana w'umuntu agomba *kwihishura* (Luka 17:26-30).Turacyategereje kugaruka kwe (Luka 17: 34-37). Kugaruka kwe kuzaba gutunguranye, umunsi umwe, isaha imwe. Ababiri bazaba bari mu buriri cyangwa mu murima, umwe azatwarwa undi asigare. Ibi bizaba mu kanya gato (1 Abakorinto 15:51-58), nk'uko UMWAMI yabisobanuye akoresheje urugero rw'umurabyo urabiriza iburasirazuba ugahinguranya iburengerazuba (Mat.24:27; Luka 17:24). Nta kuntu UMWAMI yashoboraga kubivuga byumvikana birenze ibyo.Kandi uko byanditswe niko tubyizera.Amina.

Ubuhamya bw'Imana

Ahantu hose UMWAMI ari, harangwa n'ibitangaza. Umwuka w'Imana uri ku murimo mu gihe cyose cy'ubuntu: Abantu barakizwa, bakabohorwa, bagakizwa indwara, kandi bagahabwa umugisha. Ibi byose byabaye inshuro ibihumbi n'ibihumbi mu bukozi bwa mwenedata Branhamu. Amagambo y'UMWAMI akurikira yasohoye uko yakabaye: "*…unyizera, imirimo nkora na we azayikora, ndetse azakora n'iyiruta…*" (Yohana 14:12). Imana imwe yihishyuye nk'UWITEKA, nka Marayika w'isezerano mu bihe bya bibiliya, yongeye kwigaragaza mur'iki gihe cyacu mu nkingi y'umuriro no mu gicu ndengakamere. Umwami yashohoje isezerano rye yatanze ati: "*Ab'isi ntibazambona ukundi ariko mwebwe ho muzambona kuko ndi kumwe namwe igihe cyose, kugeza ku mperuka y'isi*". Ni koko, ndetse yatumye tariki 24/1/1950, ishusho ifotorwa i Hustoni muri Tegizasi ya Amerika, yerekanaga inkingi y'umuriro ku mutwe wa mwene data Branhamu, hanyuma andi mashusho mensi afatwa tariki 28/2/1963 yerekana igicu ndengakamere. Abafotozi b'ibinyamakuru: Bwana Ayers w'umugaturika, na Bwana Kippermann w'umuyahudi, bafashe amafoto i Hustoni mu kiganiro-mpaka cyabaye ku bijyanye n'ukuntu Imana ikiza indwara. Abo bombi ntibemeraga ubukozi bwa mwene data Branhamu. Ariko amashusho bafashe asohotse, ayandi yose yaje ntacyo yerekana keretse imwe gusa: iyariho umucyo hejuru y'umutwe wa mwene data Branham. Bisabwe n'uwitwa Gordon Lindsay, uwo nanjye ubwanjye nihuriye nawe, iyo shusho yoherejwe i Washingitoni kugira ngo isuzumwe n'uwitwa Dogeteri Georges J. Lacy, impuguke kabuhariwe kandi yabirahiriye, isuzuma inyandiko zifitweho amakenga. Amaze gukora ubugenzuzi bwe, yatanze inyandiko mpamo ku byo yiboneye tariki 29/1/1950, uhereye icyo gihe iyo nyandiko yandukuwe kenshi. Dore ubuhamya yatanze: "umucyo ndenga kamere war'uhari, iyo bitaba byo nta kuntu icyuma gifotora

cyashoboraga kuwufata. Uko niko Imana ubwayo yitangiye ubuhamya ko ihibereye, ihamiriza ijambo ry'umugaragu wayo (Yesaya 44:26a).

Ibyo ni kimwe n'igicu ndengakamere cyaje kigahagarara mu kirere hejuru ya Flagstaff/Arizona tariki 28/2/1963. Ibyo mwene data Branhamu yahishuriwe mw'iyerekwa, byabaye ari ku musozi witwa Sunset nk'uko yabyeretswe. Yanyibwiriye ubwe iby'iryo yerekwa mu kwezi kwa cumi na kabiri 1962, ubwo yari agiye kwimukira ahitwa Tucson muri Arizona, mu kwezi kwa mbere 1963, yansabye kubwiriza mu cyimbo cye ahitwa i Los Angeles mu giterane cy'"abacuruzi bizera ubutumwa bwuzuye" (full gospel businessmen), cyari cyateguwe ahitwa Clifton n'uwitwa Demosi Shakarian.

Igicu cyagaragaye mw'ijuru ritamuye, kirahaguma ku buryo cyakomeje kuboneka kibengerana mu mu kirere kumara iminota 28 nyuma y'uko izuba rirenga. Cyagaragaye hejuru neza neza y'aho mwene data Branhamu yar'ari, ubwo yahabwaga amabwiriza ajyanye no gufungurwa k'wibimenyetso birindwi. guhinda kw'inkuba gukomeye kwaturitse inshuro ndwi, maze ako gace kose gahinda umushyitsi, ibitare birasaduka birindimuka munsi y'umusozi. Niboneye n'amaso yanjye ibyo bitare byarindimutse, ubwo nakoze urugendo mvuye i Tucson nkajya kur'uwo musozi witwa Sunset.



Nk'uko byanditswe mu binyamakuru, icyo gicu ndengakamere cyafashwe amashusho arenze 80 mu mpande zinyuranye. Ndetse n'ikinyamakuru cy'icyamamare cy'ubushakashatsi cyitwa Magazine Science, cyashyize ku rupapuro rwacyo rubanza ishusho y'icyo gicu uhereye tariki 19/4/1963, kinatangaza ku mpapuro zacyo 292, 293 na 294, inyandiko y'impuguke yitwa Dr James McDonald wo muri kaminuza y'ahitwa Tucson. Ikinyamakuru "Life Magazine" nacyo, cyasohoye inyandiko hamwe n'amashusho menshi guhera tariki 17/5/1963. Nk'uko mwene data Branhamu yabisobanuye, abamarayika barindwi bari mu gicu gikoze nk'umutemeri. Uwa karindwi wo muri bo niwe wavuganye nawe. Mwenedata Branhamu yabivuzeho ibi bikurikira: "*byanyeganyeje imisozi uhereye ahokugera mu birometero byinshi. Hari hahagaze abamarayika barindwi, umwe wari ufite inkota y'ifeza mu kiganza aravuga ati: taha iwawe ku bwo gufungurwa kw'ibimenyetso birindwi*

byatanzwe." None ngibi: ukuri ku bwiru bw'urushako no gusenda, n'urubyaro rw'inzoka, n'ibindi byose byari byari bikiri mu rwijiji. Ni UKU NIKO UWITEKA AVUZE" (biri mu kibwirizwa yise *Ikimenyetso cya pasika*, tariki 10 Mata 1965).

"*Nari mpagaze nazamuye ibiganza byanjye nsenga, nuko inkota ishirwa mu biganza byanjye. Ibyo murabizi. Nari mpagaze aho ndayireba, rwose nk'uko ndeba ikiganza cyanjye ubu. Sinari nzi icyo bisobanuye. Narayihawe, nuko numva ijwi rivuga riti: "Iyi ni Inkota y'Umwami". Nuko ubwo Marayika w'UWITEKA yabihishuraga ibyo byose, nibwo namenyeko ryari Ijambo ry'Imana mu biganza byanjye. Ibyo bikirangira, abamarayika b'Umwami barambonekera, bambwira ibyerekeye ibimenyetso birindwi, ko nagombaga kugaruka hano i Jeferisonivire* (Jeffersonville) nkabwiriza ku ibimenyetso birindwi" (Umunsi mukuru w'impanda, 19/7/1964).

Bigomba kongera kuvugwa: ku bireba mwene data Branhamu, ni umuntu Imana yatumye imushinga umurimo ukomeye cyane, nk'uko byabaye kuri Mose. Ubukozi bwe nk'umuhanuzi bugomba kugarurwa mw'Ijambo ry'ubuhanuzi. Kimwe na Pawulo, yabwirije inama y'Imana yose; yahishuriwe ubwiru bwose arabubwiriza: uhereye ku kugwa mu ngobyi y'Edeni ukageza aho igihe kizasimburwa n'iteka ryose.

Abizera bibiliya bo ntibigoye kwizera ko malayika yaje kuri Zakariya akamutangariza iby'ivuka rya Yohana mubatiza, kandi nk'uko byanditswe mu gice kimwe ko Marayika Gaburiyeri yaje kuri Mariya akamubwiriza ibyo kuvuka kw'Umucunguzi (Luka 1). Kandi bizera ko Marayika w'UWITEKA yinjiye hagati y'umucyo mwinshi muri gereza aho Petero yari afungiye (Ibyakozwe 12:7), kandi ko UMWAMI yoherereje Yohana marayika we ari mu kirwa cya Patimo kugira ngo amenyeshe imbata ze ibyagombaga kuba vuba, kimwe n'ibyanditse muri Danieli 8:15-19, n'ibindi.

Ese hari ubwo Imana yigeze igira uwo ibaza ubwo yahamagaraga Mose cyangwa undi muhanuzi uwo ariwe wese? Niyo yonyine ifata icyemezo ku murimo wayo ujyanye n'umugambi wayo uhoraho wo gucungura, uwo igenda isohoza uko ibihe bigenda bisimburana. Mu buzima bwa mwene data Branhamu, hari ibintu byinshi bitangaje imana yagiye imwereka, by'umwihariko akimara kugira imyaka irindwi. Nta gushidikanya ko abahanuzi Imana ibiyegurira bakiri mu nda ya nyina (Yer.1:5). Nk'uko byanditswe muri Luka 1:15, Yohana mubatiza yuzuye Umwuka wera akiri mu nda ya nyina. Pawulo nawe ahamya ko yatoranijwe akiri mu nda ya nyina (Abagal.1:15). Binyuze mu bukozi bwe, intumwa ya karindwi yo mu gisekuruza cya Lawodikiya

yatangije igisekuruza cy'umugeni. Barahirwa abayoborwa mw'Ijambo ry'ukuri n'Umwuka w'ukuri, nk'uko Umwami yabibwiye abe: "…*Umwuka w'ukuri azabayobora mu kuri kwose*…" (Yoh.16:13). Arahirwa udakeneye kwirirwa avuga ngo "bigomba kumera gutya cyangwa kuriya…" ariko uzi neza ko ibintu byose biriho kandi bizasohora nk'uko byavuzwe n'Ijambo ry'Imana, rihoraho iteka ryose.! Arahirwa ushobora kugarura mu buryo bukwiriye ibyo mwene data Branhamu yavuze byose muri gahunda y'imana muri Bibiliya! Nta na kimwe bimaze kwomatanya urutonde rw'ibyo Branhamu yavuze, bivanywe ahantu hanyuranye kuburyo biteshwa icyo byashakaga kuvuga, maze umuntu akiyamira ati: "Umuhanuzi yaravuze…! Umuhanuzi yaravuze..!" Ntabwo byemewe ko Ijambo ry'ubuhanuzi risobanurwa mu buryo bwihariye… (Petero 1:20).
Buri nsobanuro yose ni ikinyoma, kandi intumwa Yohana yabivuze ikomeje iti: "…*nta kinyoma gikomoka mu kuri"* (1 Yoh. 2:21). Ibyo ntabwo birahinduka: ahantu hose hari uguhishurirwa kw'Imana, ntihaba hakirangwa insobanuro bwite; kandi ahari insobanuro bwite, nta guhishurirwa kuba guhari. Mw'Itorero nyakuri ry'Imana, buri kintu gishingira kuri bibiliya, bishaka kuvuga ko buri kintu kigomba guhuza n'Isezerano rya cyera n'irishya.

Ibyari bikubiye mu bukozi bwa mwene data Branhamu byose byarasohoye. Ibyasezeranijwe Itorero-mugeni, nta kabuza bizasohorera muri ryo. Ibyasezeranijwe muri bibiliya, ni byo byonyine bishobora gusohora, "…Ibyo Imana yasezeranije byse, muri we ni mo Yee iri. Ni cyo gituma ari we kuvuga ngo Amen, ngo Imana ihimbazwe natwe " (2 Abakorinto 1:20). Ntabwo umugeni w'Umwana w'Intama ategereje umuhanuzi uzaza kumukorera mw'ihema muri Amerika kumara ibyumweru bine, cyangwa umuzuko w'abapfiriye muri Kristo bazatambagira kw'isi kumara iminsi mirongo itatu. Ategereje gusa kugarurirwa byose, imbaraga za nyuma z'Umwuka wera, no kuza kw'Umukwe wo mw'ijuru!

Ubutumwa bwa nyuma bwari integuza yo kugaruka kwa Kristo, kandi ibyo nibyo birimo gusohora ubu mu mbaraga zose. Binyuze mu murimo ukomeye w'Imana wa nyuma, Ijambo ryahishuwe rizahamirizwa hagati y'abatoranijwe mw'isi yose. Ikizasoza byose ni ukugaruka kw'UMWAMI no kuzamurwa. "Dore icyo tubabwira ku bw'Ijambo ry'UMWAMI, kuko twe tuzaba tukiriho UMWAMI nagaruka, ntabwo tuzabanziriza abazaba barasinziriye. Kuko UMWAMI ubwe azamanuka n'ijwi rirenga avuye mw'ijuru, hamwe n'ijwi rya marayika ukomeye n'impanda y'Imana: nuko abapfiriye muri Kristo babanze bazuke: natwe tuzaba tukiriho tuzazamurwa hamwe nabo mu bicu, tujye

gusanganira UMWAMI mu kirere: maze tubane nawe iteka ryose" (1 Abates. 4: 15-17). Kuzamurwa ntabwo ari ikintu umuntu ahishururwa wenyine; n'ubwo bizaba mw'ibanga, kizaba ar'ikintu gikomeye kuruta ibindi byose byigeze kubaho: kugaragazwa kw'abana b'Imana, guhindurwa kw'imibiri yacu no kuzamurwa kugira ngo tujye mu bukwe bw'Umwana w'Intama.

Marayika w'Isezerano

Na none kandi, nizera ko ari bwo bwa nyuma, ingingo yo mu Byahishuwe 10:7 iribwongere kumurikirwa n'ibyanditswe. Mu gihe cyo kuza kwa mbere kwa Kristo, Imana yoherereje ubwoko bwayo bwa Isirayeri, umuhanuzi kugira ngo abe integuza ye, nkuko byari byarasezeranijwe muri Maraki 3:1 (Mat.11:7-15; Mariko 1:1-14). Ibi birazwi neza mu buryo busanzwe. Mu gice cya kabiri cy'uwo murongo wa Maraki 3, kivuga ku byo kuza kwe aziye ubwoko bwe bw'Isirayeri, ibikurikira bivugwa kuri "Marayika w'Isezerano" uzaba aje mu rusengero rwe: "… *kandi, UWITEKA mushaka, asaherako aze mu rusengero rwe, ndetse na marayika w'isezerano mwishimira: dore azaza, niko UWITEKA Nyiringabo avuga*."- Koko, NIKO UWITEKA AVUZE. Ibi ntabwo ari ukugaruka kwa Kristo nk'Umukwe, ntabwo ari igihe cyo kuzamurwa kw'Umugeni, nta nubwo ari igihe cy'ibirori by'ubukwe. Uku kuza kuzaba mu gihe cy'"umunsi w'UWITEKA". Ibyanditswe byera birabihamya: "Ni nde uzabasha kwihangana ku munsi wo kuza Kwe? *Ni nde uzahagarara naboneka? Kuko azaba ameze nk'umuriro w'umucuzi, nk'isabune y'abameshi: Nuko azicara nk'umucuzi, nk'ucura ifeza: azatunganya abana ba Lewi, azabatunganya nk'utunganya zahabu n'ifeza, nuko bazatura UWITEKA ituro mu gukiranuka. Maze amaturo y'I Buyuda n' I Yerusalemu rizashimisha UWITEKA nko mu minsi ya cyera, nko mu myaka ya mbere" (imirongo 2-4).*

Mur'ibi byanditswe, turabwirwa neza ibizaba ubwo UMWAMI azaza azanywe n'ubwoko bwe bw'Isirayeri nka Marayika W'isezerano. Icyo gihe, azatunganya abana ba Lewi, maze ibitambo byose by'I Buyuda n' I Yerusalemu bizamushimisha. Ibi biratuzana mu gihe ibyanditswe bizasohora nk'uko byanditswe nyine. Nyuma y'urwandiko rwa nyuma ku matorero mu Byahishuwe 3 no kwihanangirizwa gukomeye kw'abizera: "*Ufite amatwi niyunve ibyo Umwuka abwira amatorero…*", igisekuruza cya nyuma cy'itorero kigera kw'iherezo ryacyo. Mwene data Branhamu yabisubiyemo kenshi ati, "Itorero rizamurwa mu gice cya 4 , rikagaruka mu gice cya 19." Nyuma yaho ntabwo

Yohana yongera kubona Umwana w'Umuntu agendera hagati y'ibitereko by'amatabaza birindwi by'izahabu, ahubwo amubona yicaye ku ntebe y'ubwami, azengurutswe n'umukororombya. "…*Nuko mbona intebe y'ubwami iterekwa mu ijuru, mbona n'uyicayeho. Yasaga n'ibuye rya yasipi, n'irya saridiyo: kandi iyo ntebe yari igoswe n'umukororombya*..." (Ibyah. 4:2-3).

Mu Byah.10, UMWAMI amanuka nka Marayika w'Isezerano, agoswe n'umukororombya: "… *nuko mbona undi Marayika ukomeye amanuka ava mu ijuru, ari mu gicu: kandi umukororombya wari hejuru y'umutwe we, mu maso he harabagirana nk'izuba, ibirenge bye bimeze inking z'umuriro…"* (Ibyah. 10:1). Nuko ibikurikira bibona kuba:

I. Afite mu kiganza igitabo gifunguye cyari kigifatanijwe n'ikimenyetso mu gice cya gatanu.
II. Ashyira ikirenge kimwe ku nyanja ikindi ku butaka, maze avuga ijwi rirenga nk'uko intare yivuga.
III. Icyo gihe amaze kwivuga nk'Intare ya Yuda (Itangiriro 49:9), nibwo inkuba ndwi zunvikanisha amajwi yazo.

Uhereye igihe azirahira nka marayika w'Isezerano, hazaba hasigaye imyaka itatu n'igice kugira ngo kubabazwa gukomeye kurangire, ingoma y'imyaka igihumbi itangire: "…*nuko arahira ihoraho iteka ryose ko hasigaye igihe, ibihe, n'igice cy'igihe, kandi ko imbaraga z'abera nizimara kurangira,* ***byose bizaba birangiye***" (Dan. 12:7b). Ibi ni UKO UWITEKA AVUGA mu Ijambo rye.

Uko kuza, ubwo azivuga nk'intare, kumurikirwa n'ibyanditswe nibura bitatu. Icya mbere ni Yer. 25:30-36: "UWITEKA azivuga ari ahirengereye, arangurure ijwi rye ari mu buturo bwe bwera; azatontomera ubututo bwe bwera, azatera akamo, nk'abenga imizabibu agaterere abatuye isi bose. Urusaku ruzagera no ku mpera z'isi; kuko UWITEKA afitanye urubanza n'amahanga, azaburanya umuntu wese, abanyabyaha bose azabagabiza inkota, niko UWITEKA avuga (reba kandi Yesaya 63:1-6; no mu Byahish. 14:14-20).

Icyanditswe cya kabiri ni Hoseya:11:10: *"bazakurikira UWITEKA: azivuga nk'intare: ubwo azivuga, abana bazaza bahinda umushitsi bava iburengerazuba"*

Icyanditswe cya gatatu kiri muri Yoweri 3:15-16: "*Izuba n'ukwezi bizijima, inyenyeri ntizizamurika. UWITEKA azivuga ari i Siyoni, azatera akamo ari i Yerusalemu; ijuru n'isi*

bizatigita: ariko UWITEKA azabera ubwoko bwe ubuhingiro, azaba imbaraga z'abana b'Isirayeri".

Tariki 17/3/1963, mwene data Branhamu yasomye Ibyah. 10, hanyuma avuga ibikurikira' bijyanye n'ibyanditswe twavuze haruguru: *"niba mwabyitondeye, uyu ni Kristo (mwabibonye?), kuko mu Isezerano rya cyera yitwaga Marayika w'Isezerano; kandi ubu, aje asanga abayahuda, kuko iby'itorero byamaze kurangira".* Ibi nibyo koko. Aha ntabwo iby'itorero bizaba byarangiye gusa ahubwo Itorero rizaba ryaramaze kuzamurwa.

Aha turabona UMWAMI agaragara nka Marayika w'Isezerano ukomeye, ari mu igicu. Iki ni cya gicu cyaherekezaga abana b'Isirayeri – ni wa MWAMI umwe, Marayika w'Isezerano. Umukororombya uri hejuru y'umutwe we niwo uhamiriza Isezerano yagiranye na Isirayeri. Nibyo, arivuga nk'intare ari ku musozi Siyoni, i Yerusalemu. UKU NIKO UWITEKA AVUZE mw'Ijambo rye. Ikindi cyose cyavugwa cyaba ari insobanuo bwite z'umuntu (2Petero 1:20). Umuntu wese wanze kwizera ukuri kw'Ijambo ry'Imana ntakabuza agomba kwizera ikinyoma. Uwubaha ijambo ry'Imana niwe wenyine UMWAMI ashobora kuvugana nawe. Ugarura ibyo mwene data Branham yavuze byose mu mwanya wabyo muri bibiliya, niwe wizera nk'uko ibyanditswe bivuga. Amina. Icyo gihe nibwo tuba turi Umugeni Jambo. Inyigisho zose zo guhinda kw'inkuba ntabwo zishingiye ku byanditswe, kuko zitari muri bibiliya, ntanahamwe wabona hazihamiriza. Abonye ishyano ugira icyo yongera ku buhamya bwuzuye kandi butunganye rwose bw'Ibyanditswe byera (Ibyah.22).

Nk'uko byanditswe muri Maraki 3:1b-5, icyo gihe nibwo Umwami azinjira mu rusengero rwe. Iki nicyo gihe antikristo nk' "umwana wo kurimbuka", nk' "urwanya Kristo" wihimbaza hejuru y'ibintu byose, azinjira mu rusengero n'ubwibone bwinshi. Icyo gihe UMWAMI azamutwikisha umwuka wo mu kanwa ke (2 Abates. 2).

Muri Ezechiel, ibice 40-47, urusengero rurarondorwa hamwe n'umugezi utemba uva mu rusengero ukagera muri Enigedi ugakomeza ugana mu Nyanja y'umunyu. " *nyuma yaho yongera kunjyana ku muryango w'inzu, nuko mbona amazi atemba ava munsi y'inzu atemba agana iburasirazuba*…" Muri Zakariya 14:20-21, havugwa ko n'inzabya zo mu nzu y'Uwiteka zizaba zejejwe. Muri Yesaya 66:6 tuhasoma: "*Ijwi ry'urusaku riva mu murwa, ijwi riva mu rusengero, ijwi ry'UWITEKA ahemba abanzi be*"!

Mu Byah.11, harondorwa iby'ubukozi bwa ba bahamya babiri. Ku murongo wa mbere hagira hati: "*…Haguruka ugere urusengero rw'Imana, n'igicaniro,*

n'abarusengeramo". Icyo gihe, urusengero rwasenywe mu mwaka wa 70 rugomba kuzaba rwarongeye kubakwa.

Abayuda basengera ku Rusika rw'Amaganya, igihe cyose basoza isengesho ryabo basaba ibi bikurikira: "Elohimu, Adonayi, kora ku buryo urusengero rwubakwa kandi na Masiya aze". Ku murongo wa kabiri, handitsweho ko muri icyo gihe umurwa wera –ari wo Yerusalemu- uzasiribangwa n'abanyamahanga kumara amezi 42, ari yo myaka itatu n'igice. Mu Byah.11:3, handitswe ko abo bahamya babiri bazahanura kumara iminsi 1260, nayo ingana neza n'imyaka itatu n'igice. Kugira ngo hatagira uwihutira kuvuga ko ibyo bihe bivuga igihe kimwe cy'imyaka itatu n'igice, ibyo bihe binyuranye bivugwa hamwe ko ari iminsi 1260 y'ubukozi bw'abahanuzi babiri, ahandi bikavugwa ko ari igihe cy'amezi 42, umurwa uzamara usiribangwa. Mu myaka itatu n'igice ya mbere, abahamya babiri bazasohoza umurimo wabo. Imyaka itatu n'igice ya nyuma n'iy'igihe cyo kubabazwa bikomeye, igihe cyo gutotezwa kw'abizera bazaba barasigaye, ariko by'umwihariko bizaba igihe cyo gutotezwa kw'abayuda.: "…nuko ahabwa ububasha kugira ngo akomeze akore mu gihe cy' amezi mirongo ine n'abiri". (Ibyah. 13:5). Nyuma y'iyo myaka itatu n'igice yo gutotezwa kw'abayuda, ingoma y'imyaka igihumbi izatangazwa. Ibi ni UKO UWITEKA AVUGA mu Ijambo rye: "… *nuko abera bazagabizwa mu biganza bye kumara igihe, n'ibihe, n'igice cy'igihe. Ariko guca imanza bizaba… N'ubwami, n'ubutegetsi, n'imbaraga by'ubwami bwose buri munsi y'ijuru, bizahabwa ubwoko bw'abera b'Isumba byose, kandi ubwami bwe ntibuzahanguka, kandi ubutware bwose buzamukorera kandi bumwumvire"* (Dan.7:25-27).

Mu Byah.10:7, tuhabona itangazo ko ubwo marayika wa karindwi azavuza impanda ye, ubwiru bw'Imana buzasohora nk'uko yabihishuriye bidakuka abagaragu bayo abahanuzi (Amosi 3:7): Kristo, Masiya,Umucunguzi, niwe guhishurwa kw'ubwiru bw'Imana (1 Tim. 3:16). Ntabwo abayahudi b'icyo gihe bamumenye, ariko bazareba kuwo bacumise (Zak.12:9-14). Mu Byah. 11:15, niho tubona gusohora kwabyo: "*Ubwami bw'iyi si bubaye ubw'UMWAMI wacu na Kristo we; kandi azima iteka ryose*". Ntabwo bishora kuba uku na kuriya – Ijambo ry'Imana ni "Yego kandi Amina" kuri buri ngingo.

"*Nzagirana nabo amasezerano y'amahoro, azaba ari amasezerano ahoraho iteka ryose: nzabashinga kandi nzabagwiza, nzashyira ubuturo bwanjye bwera hagati yabo iteka ryose*". *Nzatura hagati yabo; nzaba Imana yabo, nabo bazaba ubwoko bwanjye. Kandi amahanga azamenya ko nd'Uwiteka, uweza Isirayeri, ubwo ubuturo bwanjye buzaba*

hagati yabo iteka ryose (Ezek.37:26-38). Kandi nk'uko bivugwa n'ibyanditswe binyuranye niko bizaba.

Bigomba kongera kuvugwa: ibimenyetso bine bya mbere byerekeye imbaraga za antikristo mu bihe bine bikurikirana (Ibyah. 6:1-8) kimwe n'ibisekuruza by'itorero (Ibyah. 2+3). Ikimenyetso cya gatanu cyerekana abayuda bishwe - harimo n'abishwe mu gihe cy'itsembatsemba ry'Abisirayeri mu gihe cya Hitireri – bari munsi y'igicaniro maze babwirwa ko amaraso yabo azahorerwa kandi ko bagenzi babo b'abakozi na bene wabo bazababazwa bakicwa kimwe (Ibyah. 6:9-11).

Mu Kimenyetso cya gatandatu, tubonamo gutangira kw'umunsi w'UMWAMI: haba umushyitsi ukomeye cyane; izuba rikijima, n'ukwezi kugahinduka nk'amaraso; inyenyeri zikagwa ziva mu ijuru; kandi hanavugwa mo ngo: *"Ko umunsi ukomeye w'umujinya we wageze, ninde uzashobora guhagarara?"* (Ibyah. 6:12-17).

Aho bigeze, buri muntu aribonera ko ibivugwa, uhereye kur'iyo ngingo ugakomeza, bizaba nyuma yo kuzamurwa kw'itorero, mu gihe cy'ikimenyetso cya gatandatu n'icya karindwi. Impanda zose z'ibihano, n'inzabya z'umujinya nabyo bizasohorera muri icyo gihe (Ibyah.16).

Ubwo ikizaba gisigaye ni ugucira urubanza Babuloni ikomeye, yambaye umwenda w'umuhengeri n'uw'umuhemba (Ibyah.17-18).

Uri mw'Itorero-mugeni wese arahirwa, kuko adakwiriye kwirira ahagaritswa umutima n'ibizaba kw'isi muri icyo gihe.

Buri kintu cyose kizaba nk'uko cyanditswe, igice ku kindi, umurongo ku wundi. Ikimenyetso cya karindwi (Ibyah.8:1) ntabwo rwose kigizwe no guceceka kuba mw'ijuru gusa. Uhereye ku murongo wa kabiri, havugwa ibindi bikurikiraho: Yohana yahereyeko abona abamarayika barindwi bahagaze imbere y'Imana bahabwa impanda ndwi. Ubwo duherako tubona ibihano bizagwira isi kubw' ijwi rya buri mpanda. Amen. Ibyo mu cyiciro cya nyuma byo, buri kintu cyarondowe mu buryo burambuye, byaba ari ibyanditswe mu gice cya 7, mu gice cya 8, mu gice cya 9, mu gice cya 10, mu gice cya 11 cyangwa n'ibikurikira. Ibintu byose bizasohora neza neza nk'uko byanditswe.

Mu kuri kwose

Mu kwubaha kwose kandi twuzuye ishimwe, twemera ibyo Imana yakoze mu gisekuruza cyacu mu buryo ndengakamere. Ni muri ubwo buryo Imana yashatse

kutwereka inzira no kutugarura ku itangiriro, ku rufatiro rwa mbere, ku nyigisho z'intumwa, kuri ntarengwa imwe yonyine ari yo Jambo ryayo. Ubwo ni bwo buryo bwonyine buzatuma tugera ku bumwe bwuzuye n'isozwa ry'umurimo muritwe ku bw'ubuntu bw'Imana.

Ikintu cyari gishishikaje abavugabutumwa uko ari bane kuruta ibindi byose, kwar'ugushyira icyabaye cyose, uhereye kuri Mat.1 ukageza Yoh.21, mu mwanya wacyo neza mu byanditswe: "*Kandi ibi byose byakozwe kugira ngo ibyo Umwami Imana yavugiye mu kanwa k''umuhanuzi bisohore*…" (Mat.1:22a) "*Kandi ibyo byakozwe kugira ngo ibyanditswe bisohore*…" (Yoh. 19:36a). Petero nawe niko yabigenje, ndetse na mbere y'umunsi wa pentekote: "*kuko byanditswe mu gitabo cya Zaburi, …"*(Ibyak. 1). Cyanecyane nyuma yo kumanuka kw'Uwuka wera: "*ibi ni byo byavuzwe n'umuhanuzi Yoweri*…" (Ibyak.2). UMWAMI wacu yaravuze nyuma yo kuzuka ati: "*Ibi nibyo nababwiraga nkiri kumwe namwe, ko ibyanyanditsweho byose mu mategeko ya Mose, mu bahanuzi no muri Zaburi bigomba gusohora*" (Luka 24:44). Ni koko, kandi impamvu yatumye yungura abigishwa be ubwenge kugira ngo basobanukirwe ibyanditswe, kwar'ukugira ngo bamenye ibijyanye no gusohozwa kwabyo (umurongo wa 45).

Pawuro nawe yajyaga yishingikirizaga ku byanditswe igihe cyose, kandi yashoboye kwerekana ko ubukozi bwe bwari bushingiye kuri Yesaya 49:6, yerekana neza n'igihe cyabwo, igihe Ubutumwa bwiza bwagombaga kuva mu Bayuda bukajya mu banyamahanga. "*Kuko ari cyo UMWAMI yadutegetse, ati, ngushyiriyeho kuba umucyo w'abanyamahanga, kugira ngo ugeze agakiza no ku mpera z'isi (Ibyak. 13:41-51).* Yari yaratumiwe kubwiriza abanyamahanga ubutumwa bwiza bw'Imana, "*nk'uko yari yarabisezeranije mbere mu kanwa k'abahanuzi bayo mu Byanditswe byera*… (Abar. 1:1-5). Natwe niko dushobora gushyira neza ubukozi bwa mwene data Branhamu mu mwanya wabwo mu Byanditswe byera. Bibiliya niyo rufatiro rwonyine rw'ibyo mbwiriza. Ngomba gushingira kuri Matayo 24:45-47 kuko UMWAMI ubwe ari we wabimbwiye mw'ijwi ryumvwa n'amatwi. Ngomba no gushingira kuri 2 Tim.4:1-5 kuko UMWAMI yabintegetse mu ijwi riranguruye. Ubu bukozi nabwo bugomba gushyirwa mu mwanya wabwo mu Byanditswe.

Ntabwo bihagije kwibwira ko uvugisha ukuri no gusubira mu byo Branhamu yavuze gusa no ku bukozi bwe. Icya ngombwa kuruta ibindi n'ugushyira buri Jambo ryanditswe kandi ryahishuwe mu mwanya waryo mu Byanditswe byera bihuje na gahunda y'Imana. Ibijyanye n'ibyo, urugero, ni nk'uko tutitiranya ifungurwa

ry'ibimenyetso muri Werurwe 1963 no gusohora kwabyo, uretse n'ibyo kuvuga ko Kristo yaba yaragarutse. Kugaragara kw'igicu byari ikimenyetso gusa ko igihe cyo gufungura ibimenyetso kigeze! Mwene data Branham yarabisobanuye bihagije. Ibigomba kuzaba mu gihe kiri imbere byavuzwe nk'aho byamaze kuba. Ariko niko bisanzwe ku buhanuzi bwose bwo muri Bibiliya.Yesaya mu gice cya 53 yabonye kubambwa kw'Umwami nk'aho kwamaze kuba, mu gihe byari kuzaba mu myaka 800 yari imbere. Intumwa Yohana yabonye ibizaba byose nk'aho byamaze gusohora: yabonye ibirori by'ubukwe (igice cya 19); mu gice cya 20 abona gucibwa kw'imanza n'intebe y'ubwami yera, naho mu gice gikurikira yabonye Yerusalemu nshya imanuka ku isi – kandi ikiri mu ijuru. Kandi yabonye ijuru rishya n'isi nshya (igice cya 21).

Bigomba kuvugwa rwose mu buryo bwumvikana ko tukiri mu gihe cy'ubuntu. Amaraso y'Isezerano rishya aracyari ku ntebe y'imbabazi. Yesu Kristo niwe muhuza w'isezerano rishya kandi aracyadusabira kugeza ubwo intore ya nyuma izahamagarwa igasohoka (Abaheb. 9:11-22; n'ahandi). Muri buri gisekuruza, Umucunguzi yagiye arokora abacunguwe. Ubwo azagaruka, azasozereza gucungurwa kw'abana be muguhindura imibiri yacu. *"ariko si byo byonyine, ahubwo natwe dufite umuganura w'Umwuka tunihara mu mitima yacu, dutegereje guhindurwa abana b'Imana, ariko gucungurwa kw'imibiri yacu"* (Abaroma 8:23). Nk'uko byanditswe mu Byahishuwe 7, ndetse na ba bandi batabarika bazoza ibishura byabo mu maraso y'Umwana w'intama mu gihe cy'itotezwa rikomeye (umurongo wa 14). Arahirwa uwizera nk'uko ibyanditswe bivuga, akigobotora ingoyi iyo ariyo yose y'insobanuro y'abantu!

Imyaka myinshi ishize, twakomeje kwerekana mu Byanditswe byera umwanya w'ubukozi budasanzwe bwa nwene data Branham. Twerekanye inshuro nyinsi umwanya wabwo dushingiye ku rufatiro rw'Ibyanditswe byera. Nuko rero birumvikana neza ko ari we wari intumwa y'igisekuruza cya nyuma cy'ibisekuruza birindwi by'itorero, ko ubwiru bwose bwahishuriwe mu bukozi bwe, kandi inyigisho fatizo ndetse n'ibindi byose bikaba byaragaruwe mu mwaya wabyo, nk'uko byahoze mbere na mbere. Kandi twese tuzi neza ko yari agitegereje ibindi biruta ibyari byaramaze kuba. Ese ni nde wabimenya neza kundusha, jye wasobanuraga ibibwirizwa bye mu rurimo rw'ikidage uhereye mu mwaka wa 1958? Ubwo tariki 28/11/1963, mwene data Branham yavugaga ko ibibwirizwa bye bisobanurwa mu rurimi rw'ikidage bikumvishwa amagana y'abantu, si undi yavugaga kuko ntawundi wabikoraga uretse jye.

Ese hari icyo bimaze gukuririza ibyo Branhamu yavuze nk'aho aribyo ntarengwa hejuru y'Ibyanditswe, nk'uko bikorwa na benshi n'ubwo bibabaje, bakoresha interuro ze bakazivugisha ibyo atavuze ar'ukugira ngo bashyigikire inyigisho zabo bwite? Ese ntitubona ko ar'amateka yisubira nk'uko intumwa Petero yabyanditse mu gihe cye, ko hari abantu badashikamye mw'Ijambo bagoreka ibintu biruhije gusobanukirwa bakizanira kurimbuka (2 Petero 3:14-18)? Kenshi, interuro ze zisubirwamo nta bushake bubi, ikibabaje n'uko zidashyirwa mu mwanya wazo muri gahunda y'imana mu Byanditswe byera. Yego, umuntu ashobora kuba nta bushake bubi afite ariko ntibimubuze kuyoba, iyo yihaye gukorera Imana itaramuhamagaye, bityo akaba akorera hanze y'ubushake bwayo.

Umuhamagaro n'ubukozi bivuye ku Mana, byahamirijwe n'umuhanuzi imbere y'abahamya Sothman na Wood tariki 3/12/1962, ni ntakuka. Ubukozi bwanjye, bushamikiye ku bukozi bwa mwene data Branhamu mu mugambi w'Imana w'agakiza. Reka mbonereho nsubize abafite ibyo bategereje mu bavuga ko bizera ubutumwa bw'igihe cya nyuma, bashingiye ku nteruro zimwe na zimwe za mwenedata Branhamu, na nongere mbisubiremo: <u>mu gihe ikintu kitasezeranijwe muri Bibiliya, nta kuntu gishobora gusohora</u>. Insobanuro bwite z'abantu zitanga ibyiringiro bishukana, kandi ibyo si byo dukeneye kuko amaherezo yabyo ari ukumaramara. Ubukozi bwa mwene data Branhamu bwararangiye burundu, kimwe n'ubwa Mose, Eliya, na Yohana mubatiza, nk'uko n'ubw'abandi bakozi bose bwarangiye burundu. Nyamara, igaburo ry'umwuka ryo, ririmo riragaburwa bishingiye kuri Matayo 24:45-47, mu bufatanye n'abandi bakozi kw'isi hose. Ariko igaburo ryabanje guhunikwa, nk'uko mwene data Branham yabisubiyemo kenshi. Nshobora guhamya ko ibyo byombi nabikoze mbitegetswe n'UMWAMI: icyabanje n'uguhunika, hanyuma hakurikiraho kugabura. Nta gihe na kimwe byigeze kuba ko ku bijyanye n'Ijambo ry'Imana havugwa ngo: "*n'ukuri ndababwira yuko azamwegurira ibintu bye byose*" (umurongo wa 47): "Uyu munsi ibi byanditswe birasohoye". Ubu ubutumwa bwa nyuma bushamikiye kuri Matayo 25: "*Dore Umukwe araje, mujye kumusanganira*". Abari b'abanyabwenge barabyumvira, baraboneza amatabaza yabo kandi baruzuza imperezo zabo amavuta. Abapfu bo barabica ku ruhande, niyo mpamvu bahusha gutegurwa kwabo. Utera umugongo ubukozi bwakurikiyeho agomba kwibaza niba yarasobanukiwe n'ubwabubanjirije. Ese biba byaragenze bite iyo UMWAMI adategura ubwe mbere bitaribyaba ko nyuma yo gutaha kw'intumwa ubutumwa bwagombaga kujyanwa mw'isi yose?

Iherezo niryo rizambikwa ikamba

Ubu rwose mbere y'uko UMWAMI wacu agaruka, icyangobwa n'uko abari mu Itorero rya Yesu Kristo bitandukanya n'bubata bw'umuka ubwo aribwo bwose n'urwijiji, ndetse no mu bavuga ko bizeye ubutumwa, kugira ngo bashobore gukorera UMWAMI by'ukuri nk'Ubwoko bwe bwabatuwe. Ubu nibwo butumwa bwa Bibiliya bwonyine bubahamagarira gusohoka: Mugaruke ku nkomoko! Mugaruke kw'Ijambo! Mugaruke ku butumwa bwiza Pawuro n'izindi ntumwa babwirije. Mu by'ukuri, ikindi kibwirizwa icyo aricyo cyose kiri munsi y'umuvumo nk'uko byanditswe mu Bagalatiya 1:6-10. Buri muntu yagombye gusoma ibi byanditswe yitonze akabishyiraho umutima, hamwe na 1 Abakor.11:1-6. Pawuro yifuzaga kuzamurikira Kristo umwali utunganye. Mwene data Branhamu nawe nicyo yaharaniye. Ni cyo buri mugaragu nyakuri wa Kristo ashaka. Ariko nk'uko inzoka yashutse Eva rugikubita hamwe n'abandi bose batakomeje gushikama mw'Ijambo, kugeza kur'uyu munsi iyo niyo ntego y'Umwanzi. Igihe cyose Satani ahora mu magambo,ntahora mu kuri (Yohana 8:44).

Nyamara, intore nyakuri ziri mu Mugeni zo ntizishobora gushukwa. Nk'uko byanditswe mu Befeso 5:27, UMWAMI ubwe azishyira Itorero rifite ubwiza buhebuje, nta kizinga cyangwa umunkanyari. Ni ngombwa cyane rero ko twizera kandi tugasohorezwaho amasezerano yose UMWAMI yatanze yo mu gihe cyacu. Mwene data Branhamu yaravuze ati: "*Ese (Imana) yavuze iki muri Maraki 4:5?Yavuze ku kugarurirwa, ko izagarura ukwizera k'umwimerere kwa pentekote, azagarura ubwoko bufite ubutumwa bumwe bwa pentekote, ibimenyetso bimwe bya pentekote, ibihamya bimwe bya pentekote, Imana imwe, imbaraga zimwe, inyigisho zimwe, buri kintu cyose nk'uko cyahoze, biherekejwe no guhamirizwa na ya Nkingi y'Umuriro yatuye Pawuro hasi ari mu nzira, ajya i Damasiko; ikora hagati yacu bimwe n'ibyo yakoraga icyo gihe*" (Ikimenyetso n'igihe cy'ubumwe/*The uniting time and sign/Le temps et le signe de l'union*, Tariki 18/8/1963)

Ese Itorero ryahamagariwe gusohoka rigeze he? Tubona aho Mose yagejeje Itorero ry'Isirayeri ari munsi y'ubuyobozi bw'Imana ubwayo. Maze umuhanuzi asohoza umurimo we. Ni ngombwa gusoma amagambo ye ya nyuma mu gitabo cyo Gutegeka kwa kabiri uhereye ku gice cya 27 kugeza ku cya 34, hakubiyemo ingingo zose, cyane cyane umugisha yahaye imiryango cumi n'ibiri. Mose yagombaga kuzamuka umusozi

Nebo akarebesha amaso mu gihugu cy'isezerano, ariko ntabwo yari yemerewe kugitahamo. Aho niho UWITEKA yacyuye umugaragu we; icyiciro kimwe kiba kirarangiye ikindi kiratangira. Munsi y'ubuyobozi bwa Yosuwa, abatambyi bahetse isanduku y'isezerano, maze nk'uko byabaye ku Nyanja itukura, bambuka umugezi Yorodani ku butaka bwumutse maze bigarurira igihugu cy'isezerano. Ibice byose byo mu gitabo cya Yosuwa bihamiriza Umugambi w'Imana w'agakiza. Tuhasoma uko byakomeje: "*Nuko Yosuwa abwira abana b'Isirayeri ati nimwiyeze, kuko ejo UWITEKA azakora ibitangaza hagati yanyu. Maze Yosuwa abwira abatambyi ati: <u>nimuheke isanduku y'isezerano maze mubanzirize abantu kwambuka</u>*", *nuko baheka isanduku y'isezerano bajya imbere y'abantu.* (Yosuwa 3:5-6). Ntabwo dukeneye intumwa ya munani; icyo dukeneye n'Ijambo ry'isezerano, Ibyanditswe byera. Amina.

Nyuma y'uko UWITEKA amara kuyobora ubwoko bw'Isirayeri, yabonekeye Yosuwa nk'Umugaba w'Ingabo z'UWITEKA afite mu ntoke inkota yakuye mu rwubati. Yosuwa yikubise hasi yubamye aramuramya, maze aramubaza ati: "*Mutware, jyewe umugaragu wawe untegetse iki? Nuko Umugaba w'Ingabo z'UWITEKA abwira Yosuwa ati: "Kwetura inkweto birenge byawe kuko aho uri ari ahera*" (Yosuwa 5:13-15).

Nyuma yaho haje kuba umunsi udasanzwe, umunsi w'intsinzi ku bwoko bw'Imana. Izuba ryarahagaze mu mw'ijuru hagati, maze Umugaba w'Ingabo z'UWITEKA ubwe abajya imbere arwanirira Isirayeri. Hanyuma se, ntabwo dushobora kureba aho Itorero ryageze munsi y'ubuyobozi bw'ubukozi bwa mwene data Branhamu? Ese ntabwo tubona uko ryakomeje kugeza n'ubu?

Icyampa iyi nyandiko ikabasha kugira icyo ifasha, mu kuyobora buri wese uri mu Itorero-Mugeni mu kumvira Umukwe wo mw'ijuru, kandi akemera kugira ngo ashyirwe mu bushake no mu mugambi w'Imana. Mu kugarurirwa kwuzuye twasezeranijwe, Itorero ry'UMWAMI rizahagarara nk'umubiri wa Kristo, n'kinzu y'Imana, inkingi n'urufatiro by'ukuri, nk'uko byahoze Itorero rigitangira: Ikibwirizwa kimwe, inyigisho fatizo zimwe, kubatiza mu mazi kimwe, umubatizo wo mu mwuka kimwe – buri kintu cyose nk'uko byahoze mw'itangiriro: UMWAMI umwe, ukwizera kumwe, umubatizo umwe, (Abefeso 4). Bitari agatsiko kamwe hano, akandi hariya, ariko nk'uko abizera bahoze bafite umutima umwe n'ubugingo bumwe, niko nanone bazaba umutima umwe n'ubugingo bumwe muri buri gihugu no muri buri murwa.

Ntabwo tubishidikanyaho, kuko UMWAMI ubwe, wanesheje i Golgota, agatsinda imbaraga zose z'umwanzi, akamuhemura ku mugaragaro, ariwe uturi imbere

(Abakolos.2:12-15). Uwatuyoboye tugasohoka ku bw'ukuboko kwe gukomeye, niwe kandi uzatuyobora kugira ngo twinjire ku bw'ukuboko kwe kw'iburyo gushyizwe hejuru. "*Ukuboko kw'iburyo k'UWITEKA gushyizwe hejuru, ukuboko kw'iburyo k'UWITEKA gukora iby'ubutwari*". (Zaburi 118:15-16). Nta sezerano narimwe rizabura gusohora. WE, UMWAMI wacu n'Umucunguzi, arimo arasoza umurimo we wo gucungura, kandi natwe twagiriwe ubuntu bwo kubigiramo uruhare.

Tuzasanga byari bikwiriye

Nshobora gusubiza amaso inyuma ku myaka irenze 60 ndi mu Bwami bw'Imana. Mu 1948 nahindukiriye Kristo mpabwa gihamya cy'agakiza nahawe y'uko nahindutse umwana w'Imana. Hamwe n'ibindi UMWAMI nyir'ukwiringirwa yampaye byose, nakomeje gukurikira Yesu Kristo. Mu 1949 nagiye mu giterane mpuzamahanga cy'abapentekote mu murwa wa Hamburg (wo mu Budage). Nyuma yaho natangiye kubwiriza mu buryo buhoraho guhera mu 1952.

Ibyo niboneye mu materaniro n'uburyo nahuye na mwene data Branhamu mu 1955, 1958, no mu 1962 byangiriye akamaro cyane mu bugingo bwanjye bw'umwuka. Kugeza n'ubu ndacyafite inzandiko 21 nandikiwe na mwene data Branhamu, byerekana ko twari dufitanye imishyikirano itaziguye. Urwa mbere n'urw'itariki 11/11/1958, naho urwa nyuma n'urwo kuwa 30/9/1965. Kubera ko nohererezwaga ibibwirizwa bye igihe cyose, nakomeje kurushaho kuyoborwa byimbitse mu Byanditswe Byera.

Amaganbo y'umuhamagaro wanjye tariki 2/4/1962 mwese mumaze imyaka muyazi neza. Ubwo nari naratangiye kubwiriza ijambo, ariko guhera icyo gihe nagombaga kujya mu yindi mirwa. Nshingiye kur'uwo muhamagaro utaziguye, nafashe imodoka ntangira kuva mu murwa njya mu wundi no mu gihugu njya mu kindi, biger'aho mfata n'indege nguruka mva mu mugabane w'isi njya mu wundi kubwiriza Ijambo ry'Imana, nk'uko UMWAMI yabintegetse.

Ku bashobora kubyizera, nongeye guhamya ko ibyo navuze Imana yakoranye nanjye byose ar'ukuri, kimwe n'uko nabonye mwene data Branhamu ku wa gatanu, tariki 24/12/1965, akimara gupfa, azamurwa ku gicu gisa rwose na cya kindi cyabonetse tariki 28/2/1963. Nk'uko Imana ihoraho ari yo muhamya wanjye, ibi n'ukuri. Erega, Elisa nawe yabonye Eliya ajyanwa mw'ijuru (2 Abami 2). Mur'iryo yerekwa naravuze nti: "mwene data Branhamu, ntabwo uri Umwana w'Umuntu, kuki

nkubona uri ku gicu?" Icyo gihe, ntacyo nari nakamenye ko yagize impanuka, yabaye tariki 18/12/1965.

Amaso yanjye umenya ariyo yamurebye bwa nyuma ari mw'isanduku tariki 10/4/1966, hari hahagaze uwayoboraga imihango yo gushyingura witwa *Coot*. Mu maso he nubwo hari hakomeretse cyane mu mpanuka, hari hasubiranye habyimbutse, kandi hasizwe umuti wo kubuza umubiri kwangirika, yasaga neza ameze nk'umwenyura bisanzwe.

Kumushyingura byabaye ku munsi wa pasika, ku cyumweru tariki 11/4/1966. Hari igishyika cyinshi cyane abantu bazi ko aribuzuke. Bituma, gushyingura babicyereza, bakomeza kuririmba ubutitsa indirimbo ivuga ngo "Izere gusa" n'yindi ivuga ngo" *Ku mababa y'inuma yera nk'urubura*".

Ku mugoroba w'uwo munsi wo gushyingura, nahereyeko menyako igihe kigeze cyo gukwirakwiza ubutumwa bwatanzwe n'Imana mw'isi yose. Nk'uko mwene data Branhamu yabimbwiye tariki 3/12/1962, nakomeje gutegereza sinatanga amafunguro y'umwuka kugeza aho nakiriye ayar'asigaye, n'igihe kigasohora. Kubera igenwa ry'Imana, nashoboraga noneho gusohoza umurimo wanjye mu mugambi w'agakiza.

Mu 1966/1967, natangiye gutegura no kugira amateraniro y'ibwiriza butumwa mu mirwa 25 yo mu Burayi bw'Iburengera-zuba, ndetse nayatumiyemo na Reverand Perry Green. Uhereye mu w'i 1968 no gukomeza, nibwo natangiye gusura ibihugu byo mu Burayi bw'iburasira-zuba harimo n'Uburusiya. Ibindi bihugu n'indi migabane y'isi byakurikiyeho. Ku bw'ubutumire nohererejwe, nabwirije no muri Amerika na Kanada, hakurikiraho Amerika y'amajyepfo, Afurika, Aziya Ositrariya na Niyuzilandi. Bigeze mu 1979, nari maze kubwiriza mu bihugu 85, ntangaza ubutumwa bw'igihe cya nyuma, Ijambo ry'Imana rihoraho, mbiba Ijambo ry'Imana nk'imbuto y'umwimerere nk'uko n'UMWAMI ubwe yabikoze (Mat.13:37-38; Mariko 4:14; Luk. 8:11). Iyo myaka niyo yahawe umugisha kuruta iyindi yose mu murimo nkorera UMWAMI. Imana nyir'ukwiringirwa yakomeje gutanga ubuntu n'umugisha wayo muri buri rugendo.

Mur'iyo myaka yose, twakomeje kugira amateraniro yuzuye umugisha hano i Kreferdi turi imbere y'Imana, imbaraga zikomeye z'Umwuka zikomeza kwigaragaza. Hanyuma mu kwezi kwa 5/1979, Satani yagerageje kunsenya, no gusenya Itorero n'umurimo w'Imana; nyamara icyo UMWAMI yavuze kw'Itorero rye cyagaragaye ko ar'ukuri: "…*kandi amarembo y'ikuzimu ntabwo azarishobora*" (Mat. 16:18b). N'ibyo yabwiye Petero nabyo narabyiboneye: "*Simoni, Simoni, dore Satani yagusabye kugira*

ngo agushungure nk'ingano: Ariko nagusabiye, kugira ngo kwizera kwawe kutagwa: nuko rero numara guhindurwa, uzakomeze bene so" (Luka 22:31-32)

Uyu munsi ndasubiza amaso inyuma nkareba iyo myaka yose; umubare w'ibihugu wariyongereye uva kuri 85 muri 1979, ugera kuri 155. Nashoboye kubwiriza Jambo ry'agaciro ryahishuwe, ntitaye kubashatse kumparabika no kumbeshyera bikomeye. Ubu abantu ibihumbi n'ibihumbi barumva Ijambo ry'Imana binyuze kuri za televiziyo zerekanwa buri cyumweru mu duce dutandukanye tw'isi. Isi yose ubu iragerwaho, aho ntigiriye ubwanjye babyumva ku maradiyo na televiziyo, cyangwa biciye mu miyoboro ya Enterineti, hari n'abasoma ibyo twandika bikwirakwizwa, hamwe na za DVD na CD z'ibibwirizwa zirenze 7,500 zoherezwa buri kwezi mu ndimi 13 zinyuranye. Iri Jambo rikurikira ririmo gusohora: "*Kandi ubu butumwa bwiza bw'ubwami buzabwirizwa mw'isi yose kugira ngo bube gihamya mu mahanga yose*…" Umwami arimo arahamagarira intore ze gusohoka mu rwijiji rw'umwuka urwo arirwo rwose.

Kw'iherezo, dutegereje gushumbushwa bikubye kabiri, zizaba ar'imbaraga zikomeye z'umwuka w'Imana zitari zakaboneka, no kuzuzwa koko urukundo rw'Imana. Urukundo rwuzuye nirwo rwonyine ruzinjira mw'ijuru, kandi urwo n'urukundo rw'Imana, rusukwa mu mitima yacu n'Umwuka wera. Icyo gihe nibwo za mpano cyenda z'umwuka (1 Abakor.12+14) zo kwubaka Itorero, n'imbuto cyenda z'Umwuka mu bugingo bw'umuntu ku giti cye (Abagar. 5:22-24) bizagaragara. Urukundo rw'Imana nk'uko rwagaragaye ku musaraba i Gorogota, ruzunga abacunguwe bose umwe ku wundi – bahorane kubabarirana n'ubwiyunge.

Ntabwo ari iby'ubumenyi budasanzwe, ahubwo n'urukundo rw'Imana ruzahuza intore zose nk'umurunga wo gutungana kw'uzuye. Nta gushidikanya ko ari intore Pawuro yabwiraga iri Jambo kuko ari zo zonyine bishobora gusohoraho: "*Nuko nk'intore z'Imana zera kandi zikundwa, mwambare umutima w'imbabazi n'ineza, no kwicisha bugufi, n'ubugwaneza no kwihangana, mwihanganirana kandi mubabarirana, uko umuntu agize icyo apfa n'undi: nk'uko Kristo yababababariye ariko namwe mubabarirana. Ariko hejuru y'ibyo byose, mwambare urukundo kuko ari rwo murunga wo gutungana rwose*" (Abakorosayi 3:12-14).

Umurimo w'Imana wa nyuma uzaba ujyanye n'imvura ya mbere n'iya nyuma, byasezeranijwe mbere y'uko Kristo agaruka; abizera nyakuri bose, bazaba umutima umwe n'ubugingo bumwe: "*Nuko mwihangane bene data kugeza aho umwami azazira.*

Dore umuhinzi ategereza imbuto z'ubutaka z'igiciro, azirindira yihanganye kugeza aho azabonera imvura y'umuhindo n'iy'itumba" (Yak.5:7).

"*Mwumvise kwihangana kwa Yobu, kandi muzi ibyo Imana yaherutse kumugirira kuko ifite imbabazi nyinshi n'impuhwe*" (Yak. 5:11)

Reka twihangane nk'uko Yobu yihanganye (mu rurimi rw'Igiheburayo, Yobu bisobanuye uwatotejwe), akibonera Imana kuruta ibya mbere atarageragezwa bikabije. Twakagombye kureka kugira icyo dupfa umwe ku wundi, tukaguma gushikama kugeza ubwo UMWAMI azagarukira. UMWAMI nyir'ukwiringirwa azaduha umugisha nk'uko yabikoreye Yobu kugira ngo atubere urugero. Abataramwumvise neza n'abamureze bose bongeye kwicarana nawe ku meza imwe. Tuzi neza ko Umucunguzi wacu ari muzima kandi ko byose azabigira byiza mw'iherezo. Abazaba barakomeje kuba abiringirwa, ntibadohore, bakanga gushukwa, nibo bazabibona.

"*Yobu agisabira bagenzi be, UWITEKA aherako aramwunamura amukiza ibyago bye, amuha ibihwanye n'ibyo yari afite kabiri. Nuko abavandimwe be bose na bashiki be bose bamusangana n'abari baziranye nawe bose, basangira nawe mu nzu ye, baramuririra kandi baramuhumuriza kubw'ibyago UWITEKA yari yamuteje byose umuntu wese amushumbusha igice cy'ifeza n'impeta y'izahabu*" (Yobu 42:10-11)

Umwaka wa 2012

Umwaka wa 2012 n'umwaka wa Yubire kuri jye. Kwibuka ibyambayeho bitagereranywa tariki 2/4/1962, bizahora muri jye iteka ryose. N'umutima wose, nakoze ibyo Imana yantegetse mur'icyo gitondo cyo ku wa mbere, hashize imyaka 50. Nanjye nshobora kuvuga ibi byanditswe ku bijyanye n'uwo muhamagaro:

"*N'ukuri, n'ukuri ndababwira yuko, uwakiriye uwo ntumye wese ni jye aba yakiriye; kandi unyakiriye aba yakiriye uwantumye*" (Yoh. 13:20).

"Mwibuke ijambo nababwiye ko umugaragu ataruta shebuja. Niba barantoteje namwe bazabatoteza; niba baranyumviye namwe bazavumvira" (Yoh.15:20)

"*… kuko igitumye nkubonekera ar'ukugira ngo ngutoranye nkugire umukozi wanjye, n'umugabo wo guhamya ibyo ubonye n'ibindi nzakubonekeramo*…" (Ibyakoz.26:16)

Iherezo ry'umwaka wa 2011 n'itangiriro ry'uwa 2012 byahawe umugisha birenze urugero. Bene data na bashiki bacu barenze igihumbi bari bateraniye hano kuri

Misiyoni y'ivuga-butumwa; naho ahakoresheje umuyoboro wa Interineti kugira ngo abantu bakurikire ikibwirizwa hari 999, kandi henshi muri ho abantu bari bateranye nk'amateraniro kugira ngo bumve ibibwirizwa bari hamwe. Binyuze muri za Kaseti, za CD na DVD byoherezwa buri kwezi, hari ibihumbi byinshi by'abantu twunze ubumwe kandi bunze ubumwe n'UMWAMI kw'isi hose. Bijyanye n'umurimo nahawe n'Imana ubwayo, hashize imyaka irenze igice cy'ikinyejana, mbwiriza ijambo, ntanga igaburo ry'umwuka. UMWAMI wacu nyir'ukwiringirwa n'Umucunguzi wacu niwe wenyine uzasoza umurimo we.

Mose mu gihe cye yategetse umwaka wa yubire (Abarewi 25). Muri Luka 4, UMWAMI wacu yasomye amagambo yo muri Yesaya 61:1-2, maze ayerekeza kuri yubire: "*Umwuka w'UWITEKA uri kuri jye, nicyo cyatumye ansigira kugira ngo mbwirize ubutumwa bwiza abakene; yantumye kugira ngo nkize abafite imitima ikomeretse, kugira ngo mbwirize imbohe ko zibohowe, ko impumyi zihumuwe, kubohora ibisenzegeri, no kubwiriza abantu iby' umwaka w'UWITEKA agiriyemo imbabazi*" (imirongo ya 18-19).

Icyampa UMWAMI akaduha umwaka wa 2012 nk'umwaka wo kugirirwamo imbabazi.Tuzakomeza kubwiriza ubutumwa bwiza, kandi nk'abatumwe nawe, tuzakomeza gutangariza kubohoka abakiri mu bubata n'abakiboshye mu mwuka, guhumura amaso y'abakiri impumyi mu mwuka, no kubwiriza n'ibindi byose bikubiye mu butumwa bwiza bwuzuye bukiza umwuka, ubugingo n'umubiri. Abiheje bose, bararikiwe kugaruka.Turimo turaganisha ku musozo w'umugambi w'agakiza k'Imana. Igihe ni kigera, bizaba. Kandi tubitegereje mu gihe cya vuba.

"Ijwi rye ryateye isi igishyitsi icyo gihe: ariko none yarasezeranije iti, hasigaye rimwe ngatera igishyitsi isi, ariko si yo yonyine ahubwo n'ijuru na ryo" (Abaheb.12:26).

"…Ibatunganye rwose mu byiza byose kugira ngo mukore ibyo ishaka, ikorere muri mwe ibishimwa imbere yayo ku bwa Yesu Kristo, icyubahiro kibe icye iteka ryose, Amina" (Abaheb.13:21).

"Uzanesha wese, nzamuha kwicarana nanjye ku ntebe yanjye y'ubwami, nk'uko nanjye nanesheje nkicarana na Data ku ntebe ye y'ubwami" (Ibyah. 3:21)

Isirayeri ihanzwe amaso n'isi yose

Ku bibera mu ntara yo mu Burasirazuba bwo hagati, twe dushishikajwe n'Isirayeri n'imishyikirano y'amahoro. Nk'uko ikinyamakuru "*Spiegel online"* giherutse kubyandika kuri interineti, tariki 23/1/2012, minisitiri w'ububanyi n'amahanga w'ibihugu byo mu Burayi bwunz'ubumwe yashinze umugabo w'umudage witwa Andreas Reinicke, impuguke mu by'ububanyi bw'amahanga, kugira ngo abe intumwa yihariye y'Uburayi mu mishyikirano y'amahoro yo mu ntara yo mu burasirazuba bwo hagati. Kugeza ubu yari Ambasaderi w'Ubudage muri Siriya. Reinicke uwo, yashinzwe guteza imbere poritike y'uburayi mu burasirazuba bwo hagati, kugira ngo agarure Isirayeri n'abapalesitina ku meza y'imishyikirano. Ahagarariye Uburayi mu namay'ibihangange bine igizwe n'Uburayi, Leta zunze ubumwe z'Amerika, Umuryango w'abibumbye (Loni), n'Uburusiya.

Izindi nkuru ngufi zandikwa mu binyamakuru zitumenyesha ibirimo gutegurirwa Yerusalemu, n'umusozi w'urusengero, n'umusozi Siyoni. Hari inyandiko yasohotse ku tariki ya 31/1/2012, igira iti: "Isirayeri na Vatikani bageze ku myanzuro ifatika". Iyo mishikirano igamije umusozi Siyoni, ahari imva ya Dawidi, n'inyubako UMWAMI yafatiyemo ifunguro ryera rya nyuma hamwe n'abigishwa be, na cya cyumba cyo hejuru ahamanukiye Umwuka wera ku munsi wa pentekote. Vatikani irifuza ko yaba ariyo ihagenga. Yamaze gutanga inyandiko yerekeye uko yazahahabwa. Radiyo Vatikani, ishingiye ku byo yabwiwe na n'intumwa ya Papa, Arcibishopu Antonio Franko nyuma y'inama yabereye i Yerusalemu, yaravuze iti: "habaye koko gutera imbere mu mishyikirano mu buryo bushimishije, ku buryo biduha icyizere ko dushobora kugera ku mwanzuro mu gihe kitarambiranye, izaba irimo iby'ubuzima n'imikorere by'itorero (gaturika) muri Isirayeri…"

Tariki 30/1/2012, radiyo ya Arishidiyosezi y'I Kolonye (mu Budage) yitwa Dome radiyo, yatangaje iby'imishyikirano ya Vatikani hamwe n'abanyepalesitini. Ingigo nyamukuru yari umushinga w'amasezerano azagenga uburenganzira bwa kiriziya gatorika mu gice cy'uburasirazuba bwa Yerusalemu no mu ntara z'abanyepalesitina.

Kur'ubu, abanyepalesitina baremera ko umusozi w'urusengero, ahantu hatagatifu ha gatatu kw'isi mw'idini ry'abisilamu, wagengwa n'akanama gahuriwemo n'abahagarariye impande zinyuranye. Ibintu byose biri mu nzira, kugira ngo habe

ubwumvikane bibiliya yita Amasezerano : “ *Nuko azagirana isezerano na benshi rimare icyumweru kimwe… (Dan 9:27)*

Ifoto ya Papa hamwe n’abahagarariye abanyepalesitina imbere y’umusigiti ukomeye w’abisiramu witwa *Dome of the rock/le Dome du rocher* uri ku musozi w’urusengero.

Tariki ya 6/8/1961, mwene data Branhamu yavuze ko ayo masezerano azaba igihe cyo gutangira icyumweru cya 70 cya Danyeri no kuzamurwa kw’Umugeni. Isozwa ry’umugambi w’Imana wo gucungura Itorero ryo mu mahanga, niko gutangira kw’Isezerano ry’Imana hamwe n’ubwoko bwayo aribwo Isirayeri. Dushingiye ku birimo kuba mur’iki gihe, turarushaho kubona ko igihe cy’ubuntu ku banyamahanga kirimo kirangira kandi ko umuseke urimo weya ku bwa Isirayeri. Ntabwo ari twe dupfa kubivuga – ahubwo biraba nk’uko Imana yabivuze mbere mu Ijambo ryayo.

Isi yose y’abiyita abakristo ivuga iby’ “ibimenyetso by’ibihe”. Turebye muri Matayo 24, muri Mariko 13, muri Luka 21, no mu Ijambo ry’ubuhanuzi, turibonera ukuntu ubwami bwa nyuma bwa kane aribwo ubwami bw’i Roma burimo kongera kubyuka: “*Inyamaswa ya kane izaba ubwami bwa kane kw’isi, buzaba butandukanye n’ubundi bwami bwose, buzaconcomera isi yose buyisiribange, buyimenagure…. Maze ubwami, n’ubutware, n’icyubahiro cy’ubwami bwose buri munsi y’ijuru, buzahabwa ubwoko bw’abera b’Isumbabyose; ubwami bwayo ni ubwami buzahoraho iteka, kandi ubwami bwose buzajya buyikorera buyumvire*” (Dan. 7:23+27).

Dushobora guhamagarana tubwirana tuti: "*Nimubona ibyo bitangiye kuba, muzubure amaso yanyu, murebe hejuru, kuko gucungurwa kwanyu kwegereje*".

UMWAMI abahe umugisha mwese.

Ukora atumwe n'Imana,

Mwenedata E. Frank

Niba mwifuza kohererezwa inyandiko zacu, mushobora kutwandikira mukabitumenyesha aha hakurikira:
Mission Center
P.O. Box 100707
47707 Krefeld
Germany
Homepage: http://www.freie-volksmission.de
E-mail: volksmission@gmx.de or
E.Frank@freie-volksmission.de
Fax: +49-2151/951293
© Byandikwa kandi bisakazwa na: E. Frank.

Ishusho y'iteraniro ryo ku wa 5/2/2012, kuri Misiyoni y'ivugabutumwa y'i Krefeld, mu Budage